

**GUTAHA KU UMUGARAGARO INYUBAKO YAGENEWE
UMUBYEYI WAREZE ABANA BABAGA MU KIGO CY'IMFUBYI
CYA NOEL de NYUNDO**

**IJAMBO RYA 2nd VICE-CHAIRPERSON WA UNITY CLUB
INTWARARUMURI AKABA NA MINISTER W'UBURINGANIRE
N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO**

Banyakubahwa ba Ministres,

Nyakubahwa Musenyeri,

Bayobozi mwese muteraniye hano,

Bavandimwe, baturage bo mu Karere ka Rubavu,

Mubyeyi Mama Athanasie,

Bagenzi banjye banyamuryango ba Unity Club Intwararumuri,

Bana bacu mwaje kwifatanya natwe,

Mbanje kubasuhuza, mbagezaho indamutso ya Nyakubahwa Jeannette Kagame, Madamu wa Nyakubahwa Prezida wa Repubulika, akaba Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri. Ndasaba na bagenzi banjye twaje tuzanye bo muri Unity Club ngo bahaguruke bose babaramutse !

Mbashimiye mwese kuba mwabashije kuza kwifatanya natwe kuri uyu muni udasanzwe, hari byinshi mwagombye kuba mwagiyemo ariko mwahisemo kubana natwe. Ntabwo ari ubwa mbere mwitanze kuko mwabanye natwe muri iki gikorwa guhera ku ntangiriro kugeza n'uyu muni turacyari kumwe. Kuba muri hano ni ikimenyetso gikomeye kigaragaza ubufatanye bwiza bwabaye hagati yacu namwe kandi tukaba tubizeza ko bizakomeza gushimangirwa.

Uyu muni nk'uko mumaze kubibona, twazinduwe no gushyikiriza iyi mpano Mama Athanasie, umubyeyi witangiye uburere bw'abana b'abanyarwanda

n'umutima wa kibyezi koko, umutima watanze utitangiriye itama, umurimo yitangiye agendeye ku ijamba yakunze kudusubiriramo kenshi rya Nyakwigendera Musenyeri Bigirumwami ubwo yagize igitekerezo cyo gushyiraho Orphelinat yatangiye I Muramba mu mwaka 1952, ikaza kwimukira ku Nyundo 1954, ngo ntihazagire umwana w'u Rwanda wongera gupfa azize kubura umubyeyi umurera.

Mubyeyi, uyu murimo wakoze kuva mu mwaka 1965, ni ukuvuga ko uwumazemo imyaka waguhesheje ishema ryateye ubuyobozi bwiza bw'Igihugu cyacu kugushimira iyo neza wagiriye abana b'u Rwanda. Kubera uwo musanzu, Nyakubahwa Jeannette Kagame, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, aguhaye iri shimwe kubera ibikorwa bihebuje wagaragaje, ni urwibutso rw'ubutore rugamije kukurata ibigwi n'ubutwari.

Nifuje gushimira n'abafashije Unity Club muri iki gikorwa, mwumvise ko inyubako yatwaye miliyoni 25,814,900 Frw, muri yo hari 2,000,000 Frw twahawe na Diyoseze ya Nyundo. Nyakubahwa Musenyeri turabashimiye tubikuye ku mutima. Twabonye n'ibikoresho byiza mwahaye umugeni wacu, nabyo twabishimye kandi ntidushidikanya ko muzamuhora bugufi.

Turashimira n'abana bibumbiye muri association NEFAS batubwiye uko bagize igitekerezo cyo kubakira umubyeyi wabo ngo batazatakaza igicumbi cy'umuryango, ngo ukataza agende imbere ntanyuzemo ngo arebe inyuma aho yavuye ntamenya n'aho ajya! Iki ni ikimenyetso gikomeye cy'uburere bwiza bahawe. Urwo rukundo rwabateye gushaka kumwitura, bagakora ubuvugizi aho imbaraga zabo zari zirangiriye kandi bakamenya n'aho bakomanga heza, (mwumvise ko ku gaciro k'inyubako kavuzwe hakwiyongeraho hafi 1,000,000 Frw ahwanye n'ibikoresho bimwe byari byaragejewe kuri chantier). Bana bacu, mukomeze murangwe n'indangagaciro z'umuco nyarwanda, mukunde umurimo kandi mugire ubushishozi muri byose. Ibitekerezo mwatugejejeho twabyumvise, twabishimye cyane kandi turabatumikira kuko natwe tutifuza icyasubiza inyuma ibyiza tumaze kugezwaho n'ubutegetsi bwiza bw'Igihugu cyacu.

Turashimira na none Rwiyemezamirimo watwubakiye ko yubahirije amasezerano tukaba natwe intego twiyemeje tuyigezeho neza mu gihe gishimishije, kuko iyi nyubako nk'uko twabibwiwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Unity Club, yatangiye mu kwezi kwa mbere, murumva ko itwaye amezi 5 gusa.

Ngarutse inyuma gato mu mateka y'abanyarwanda, abana bose bakuriraga hafi y'ababyeyi, mu muryango. Ababyeyi bakabatoza imico n'imigenzo myiza ya Kinyarwanda, maze abana bagakura babisobanukiwe neza. Iyo abana babaga bari mu muryango, bigiraga ku bakuru icyo bakwiye gukora n'icyo badakwiye gukora. Ibyo bikubaka ubuzima bw'abo bana kuva bakiri bato kugeza bakuze kandi nabo bakazabitoza abandi.

Urwo ruhererekane rw'imico abana bavoma mu muryango, nirwo rubaha kuba abo baribo niyo bakuze. Ni iyo mpamvu uzasanga no muri sosiyete, abantu iyo bazi umuryango ukomokamo, baba bafite ishusho y'uwo muryango, ku buryo icyo ukoze cyose sosiyete ihita igiha ubisobanuro mu buryo butayigoye. Urugero: Uzumva bavuga ngo: - Abo kwa runaka ni imfura....., -Abo kwarunaka bazi ubwenge, n'ibindi n'ibindi..... Ibi byerekana agaciro gakomeye umuryango ugira mu kuturema utugira abo turibo (Identity).

Nk'uko na none twese amateka y'igihugu cyacu tuyazi, nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi muri Mata 1994, Imiryango myinshi yarishwe, maze umubare w'abana munini usigara utagira kirengera. Byabaye ngombwa ko umwana arera undi kandi nawe yarakwiye kuba arerwa.

Ibi byatumye abo bana bakura imburagihe, kandi bagasabwa gutanga icyo badafite (Gutanga uburere batahawe n'ababyeyi) kandi ibi byagiye bigira ingaruka nyinshi turi gahangana nazo muri iki gihe.

Byabaye ngombwa ko ababyeyi b'abanyempuhwe bafata bamwe muri abo bana bakabajyana kubarerera mu miryango ariko nk'uko byumvikana umubare wari munini ku buryo hari abatarabashije kubona imiryango ibafata ngo ibarere.

Mu rwego rwo guhangana n'iki kibazo, Guverinoma y'u Rwanda ifatanyije n'abafatanyabikorwa, bashakishije igisubizo gishobora gutuma abana bagezweho n'ingaruka z'amateka yacu barengerwa bose. Nibwo hatangijwe ibigo bigamije gufasha abo bana kubona aho kuba ndetse n' ibyo kurya. Iyi gahunda twavuga ko yafashije uko ishoboye muri icyo gihe kitari cyoroshye kuko nta yandi mahitamo twari dufite.

Gahunda yo kurerera abana mu bigo by'impfubyi yacyemuye ikibazo cyo kubona aho baba, ariko byaje kugaragara ko hari ibindi byinshi itacyemuye. Twavuga nk' uburere bwo mu muryango, kubera ko abana baba ari benshi mu bigo, biragoye kubona uburyo n'umwanya bihagije mu gukurikirana buri wese by'umwihariko.

Byagaragaye ko abana barererwa mu bigo baba bari ku rwego rwo hasi mu gukoresha ubwonko bwabo ugereranyije n'abarererwa mu miryango. Ibi biterwa ni uko mu bigo abana baba bafite ababatekerereza muri byose ntibahabwe amahirwe yo kwirwanaho mu buzima bakiri bato. Hari n'izindi ngero twese tuzi cyane cyane abana bari hano banyuze muri ubwo buzima si ngombwa kuzirondora. Igishimishije ariko, ni uko ubushakashatsi bugaragaza ko iyo abo bana babashije kubona umuryango ubakira, ibyo byose birakira bakaba abana nk'abandi bose barerewe mu muryango.

Nyuma y'imyaka 21 u Rwanda ruvuye muri Jenocide, hari byinshi twishimira twagezeho. Inzego zose z'igihugu zariyubatse kandi zifite ubushobozi buhagije bwo kubahiriza inshingano zazo. Abanyarwanda twariyubatse, ubu turabanye neza twese tureba iterambere ry'igihugu cyacu. Imiryango nayo yarongeye irasubirana, ubu ikaba itanga ubuzima nk'uko byahozeho na mbere.

Ibyo byose biduha icyizere ko hari ikindi twakora kugirango turushaho kwita ku bana bose b'abanyarwanda bashakirwa imiryango yo kurererwamo nk'uko twabonye ibyiza byabyo kuva mu mateka yacu ya kera akaba ari iyo mpamvu hatangijwe gahunda ya **TUMURERERE MU MURYANGO**.

TUMURERERE MU MURYANGO, ni gahunda nziza yashyizweho n'igihugu cyacu mu rwego rwo guha abana bose amahirwe angana yo guhabwa indangagaciro zitangirwa mu muryango nyarwanda. Iyi gahunda yatangiye

mu mwaka wa 2012, aho gouvernement yemeje gahunda y'ivugururwa ry'uburere bw'umwana (National Child Care Reform) hakinjizwamo gahunda ya TUMURERERE MU MURYANGO.

Byagaragaye ko iyi gahunda ari ingirakamaro kuberako abana bagenda baduha ubuhamya bushimangira impinduka nziza bagenda bagira uko iminsi igenda yiyongera bari mu muryango. Tukaba twishimira ko aba bana bacu ubu bariho kandi bafite icyizere cy'ubuzima bwiza kandi nabo babifitemo uruhare.

Turashimira abafatanyabikorwa bitanze kugirango iki gikorwa kigerweho, cyane cyane imiryango yakiriye aba bana na sosiyete Nyarwanda muri rusange.

Ni ubwo hari ibyakozwe, haracyari umubare munini w'abana bakeneye kubona imiryango yo kubamo. Leta y'u Rwanda irahamagarira yaba imiryango yigenga ndetse n'abantu ku giti cyabo gukomeza kwitabira gutanga umusanzu muri iki gikorwa cy'indashyirwa kandi tukaba dufite icyizere ko bizagerwaho neza.

Ndangije nongera kubashimira ubwitange mwagize kuza kubana natwe muri iki gikorwa, dukomeze dufatanye kubaka imiryango mizima irerera neza Igihugu cyacu.

Murakoze, mugire amahoro y'Imana!